FERWAFA

KANAMUGIRE Aloys
Directeur Technique National
C/O MIJEUMA
B.P. 1044
KIGALI

Kigali, le 06/9/1995

N° 0001 /DTN/95

A traiter par ...... DG/AS. Qu'en pensez-vous?
Date entrée : 7/9/95
Classement : 1588

Bwana Prezida wa FERWAFA
K I G A L I

Impamvu: Gushyiraho ikipe y'igihugu.

Bwana Prezida,

Mpereye ku byifuzo byatanzwe mu nteko rusange yo kuwa 19 Kanama 1995, birebana n'ikipe y'igihugu igomba kujya mu irushanwa ryà CECAFA nagirango mbagezeho ibitekerezo byange ku birebana no gutoranya no gutoza iyo kipe.

1. Gutoranya abakinnyi 33, byakorwa n'aba batoza bakurikira:
   - RUDASINGWA Longin
   - KANAMUGIRE Déo
   - OTTI David
   - RUTSINDURA Antoine

2. Gutoza ikipe bigakorwa na bwana RUDASINGWA Longin na KANAMUGIRE Déogratias. Uwo ni umulimo nakurikiranira hafi.

3. Kwitoza byatangira taliki ya 20 Nzeri 1995, maze abakinnyi batuye i Kigali bagahura buli wa gatatu saa cyenda. Mu kwezi kwa cumi, bazajya bitoza 2, mu cyumweru kuwa gatatu no kuwa kane guhera saa cyenda. Tariki ya 29 Ukwakira 1995, hakaba umukino wo kwitoza n'imwe mu makipe yo mu Rwanda. Mu kwezi kwa cumi na kumwe, abakinnyi bazaba hamwe maze bajye bitoza buli munsi. Taliki ya 12 Ugushyingo, hakaba umukino wa gicuti n'ikipe y'i BURUNDI, cyangwa se ikipe ikazajya i BUGANDE, igahura n'amakipe 2, mbere yo gutangira irushanwa.

Bimenyeshejwe:
- Ministri w'Urubyiruko n'Amashyirahamwe
  K I G A L I

Directeur Technique National
KANAMUGIRE Aloys